**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU**

# ITANGAZO RIGENEWE ABANYAPOLITIKI N'ABANDI BOSE BIFUZA GUKORA POLITIKI MU RWANDA

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 9, iya 33, iya 46, iya 52 igika cya mbere, n'iya 54;

Ashingiye ku Itegeko Ngenga N° 16/2003 ryo ku wa 27/06/2003 rigenga Imitwe ya Politiki n'Abanyapolitiki nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 2, iya 5 igika cya kabiri, iya 17, iya 18, iya 20 igika cya kabiri, iya 28, iya 35, iya 40 n'iya 41;

Amaze kubona ko muri iyi minsi hari Abanyapolitiki n'abandi bifuza gukora politiki, bateshuka ku murongo ngenderwaho wo gukora politiki, bigatuma batubahiriza amategeko agenga imyitwarire n'imikorere y'Abanyapolitiki mu Rwanda, bikunze ku garagara cyane cyane mu mvugo za bamwe mu Banyapolitiki, mu mitegurire n'imigendekere y'inama zateguwe n'abanyapolitiki cyangwa Imitwe ya Politiki, Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu aributsa Abanyapolitiki n'abifuza gukora Politiki mu Rwanda ibi bikurikira:

i) Bagomba kubahiriza Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda n'andi mategeko n'amahame by'u Rwanda. Ibyo bakora byose bigomba kuba nta sano bifitanye no guhungabanya amahoro n'ubumwe bw'Abanyarwanda, ubusugire n'umutekano w'Igihugu;

ii) Inyandiko, amagambo n'amakuru atangazwa (Radiyo, Televiziyo, Internet) by'umutwe wa politiki cyangwa umunyapolitiki ntibigomba kuba bisebanya cyangwa bishobora gukurura umwiryane, guhungabanya

umutekano n'ubusugire w'Igihugu, uburenganzira bwa Muntu, demokarasi n'ubutabera, amahoro n'ubumwe bw'abanyarwanda;

iii) Abanyapolitiki n'abifuza gukora politiki ntibagomba gukora ikintu cyose cyatesha u Rwanda n'abanyarwanda agaciro;

iv) Abanyapolitiki n'abifuza gukora politiki babujijwe gukoresha amagambo n'ibikorwa bigamije gusebanya no gutesha abandi banyapolitiki agaciro,

v) Abanyapolitiki n'abifuza gukora politiki bagomba kwirinda guhakana cyangwa gupfobya Jenoside;

vi) Imitwe ya Politiki cyangwa Umunyapolitiki ntibagomba kubangamira umutuzo rusange wa rubanda n'uburenganzira n'ubwisanzure bwa buri muntu ku giti cye n'ubw'abantu muri rusange.

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu yongeye kwibutsa Abanyapolitiki n'abifuza gukora politiki ko bagomba kubahiriza izi ngingo n'andi mategeko, kandi ko umuntu wese uciye ukubiri n'ibiteganywa n'amategeko abihanirwa n'amategeko.

Bikorewe i Kigali, ku wa 25/02/2010

MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU

**MUSONI James**
Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu